



Repubulika y'U Rwanda

**Intara y'Iburasirazuba
Akarere ka Gatsibo**

ITANGAZO RY'IKIZAMINI CY'AKAZI

Hashingiwe ku mabwiriza ya Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu (MINALOC) yo ku wa 28/08/2026, Ubuyobozi bw'Akarere ka Gatsibo bunejwe no kumenyesha Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Utugari (ES Cell) n'Abakozi bashinzwe Iterambere ry'Ubukungu n'Imibereho myiza y'Abaturage (SEDO) mu Tugari tugize Akarere ka Gatsibo, ko batumiwe mu kizamini kizakorwa mu buryo bw'ikiganiro (Oral Exam) kugira ngo bashyirwe mu myanya hakurikijwe impinduka zakozwe ku myanya yo ku rwego rw'Akagari.

Ikizamini kizakorwa ku buryo bukurikira:

- Ku wa gatatu, tariki 16/09/2026, guhera saa tatu, ku biro by'Akarere: hatumiwe abakozi bo ku Tugari bafite impamyabumenyi zo ku rwego rwa A0 na A1(ES na SEDO) bazakora ikizamini ku mwanya w'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari (8.II).
- Ku wa kane, tariki 17/09/2026, guhera saa tatu, ku biro by'Akarere: hatumiwe abakozi bo ku rwego rw' Akagari bafite nibura impamyabumenyi zo ku rwego rwa A2 bakazakora ikizamini ku myanya ya:
 - Economic Development Officer (9.II)
 - Human Capital and Social Development Officer (9.II)

ICYITONDERWA:

1. Abakora ibizamini barasabwa kubahiriza isaha kandi bakazaza bitwaje Indangamuntu.
2. Umukandida ufite Diplome ya A0 cyangwa A1 atagaragaje muri IPPS, arasabwa kuyishyira muri sisiteme kandi akazaza yitwaje kopi yayo iriho umukono wa noteri.
3. Nta mukozi uzashyirwa mu mwanya atarakoze ikizamini (Oral interview)

Bikorewe i Gatsibo, ku wa 10/09/2026

IBINGIRA Frank

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka Gatsibo



P.O. BOX 36 Nyagatare, Hotline: 3380, Email: info@gatsibo.gov.rw, Website: www.gatsibo.gov.rw, Twitter: @GatsiboDistrict.